

	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR143I152v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : UMUCERI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI
-----------------------------	----------------------------------

Itariki inyandiko yasohokeye	2008-2009
-------------------------------------	------------------

Umubare w'amapagi	3
--------------------------	----------

UMUCERI



1. Aho igihingwa gikunda : Umuceri ukunda mu bishanga by'uturere dushyuha

2. Amoko yamamazwa : *Zhong Geng, Yun Keng, Basumati, Facagro, Insinzi, Gakire, Muturage, Tebuka (Wat 1276 –22-2), insindagirabigega (B 24-2).*

* Haterwa hagati gr 500 na gr 1000 kuri ari 1 ya pepiniyeri bitewe n'ubwoko
* Bagemura umuceri bawutera ku mirongo itandukanyijwe na cm 25 no hagati y'akobo n'akandi hakabamo cm 25

* Mu kobo bateramo utugemwe 3 tw'imbutu z'umuceri (tw'imirambi n'imisozi iringaniye), ubushakashatsi burakorwa ku moko yahingwa imusozi.

Igihe cyo gutera : Ukuboza-Mutarama (Saison A) na Kamena-Nyakanga (Saison B). Ariko mu Bugarama ho ni Nyakanga-Kanama 'Saison A) no muri Gashyantare (saison B)

3. Uko bategura umurima

* Imirimo y'ingenzi twavuga : kurwanya isuri cyane ku misozi iteganye n'igishanga, kurima ubwa mbere gutegura pepiniyeri, gucoca no gukora puddling umunsi umwe mbere yo gutera.

4. Gufumbira :

* Bashyiramo kg 250 za NPK 17.17.17 kuri Ha 1 mu gihe cy'igemura cyangwa kg 100 za DAP + kg 100 za Uree, bakongeramo kg 60 za uree mu gihe umuceri utangiyeye guhagika

Icyitonderwa : Mbere yo gushyiramo ifumbire, ni ngombwa kubanza kuvana amazi mu turima.

4. Gufata neza umuceri mu mirima

Mu mirimo y'ingenzi hari: kubagara, gutera umuti wica udukoko n'indwara, ubundi kuhira no gukamura amazi bigomba kwitabwaho.

6. Ibyonnyi by'ingenzi n'uburyo bwo kubirwanya

a) Isazi y'umuceri:

* iterwa n'agakoko ko mu bwoko bw'isazi bita *Diopsis Thoracica* gafite ibara ry'umukara ku mutwe naho ahandi gasa n'ikigina

* isazi itera amagi akavamo inyo ari nazo zangiza umuceri. Inyo ziturutse hasi ku kiguja zirya umulima w'umuceri. icyo cyonnyi kiboneka cyane mu gihe cy'umucyo. Umuceri wafashwe wuma intimatima.

* **Gukumira no kurwanya icyo cyonnyi:** Ni ngombwa kugirira umurima isuku, kurunda ibicericeri hamwe bivanwamo ifumbire, kuzamura urugero rw'amazi mu mirima mu gihe hari ibimenyetso no gukoresha umuti urwanya iyo sazi. Ibyiza gukoresha umuti ukomoka ku bireti.

b) Uburima bw'umuceri:

* Ni indwara iterwa n'agahumyo bita *Pyricalaria oryzae*, ifata ingingo zose: ibibabi, uduti, indabyo n'impeke.

* **Ibimenyetso:** biboneka cyane mu gihe cy'imvura no mu bihe by'ubuherehere bwinshi* Igaragazwa n'amabara y'urugina ku mababi, ku duti no ku mahundo.

* Muri pepiniyeri, ingemwe zirashya, zikababuka zose

* **Igihe ikara:** ikunda gukara muri pepiniyeri, no mu gihe umuceri utangiye kurabya. Ifumbire mvaruganda irimo azote irengeje urugero ituma indwara yiyongera.

Gukumira no kurwanya icyo cyonnyi:

* Mu gukumira uburima, ni ngombwa ko baterera igihe kandi bagakoresha imbuto zitarwaye kandi ziyihanganira, gukoresha ifumbire mvaruganda iringaniye. Ni ngombwa kandi gusukura ahegereye umurima, kuyobora amazi ahagije mu mirima, umuceri ugomba kuba ahantu heza kandi mu kubiba hagakoreshwa imbuto ihugijwe umuti wa Thiran na *bénomyl*, havagwa gr 1 ya *bénomyl* na gr 1 ya Thiran muri kg 1 cy'imbuto, hanyuma ukazijandika mu gihe cy'amasaha 24 mbere yo kuzishyira muri pepiniyeri.

* Mu kuyirwanya, hakoreshwa umuti wa propiconazole cyangwa tebuconazole mu mirima yafashwe, naho muri pepiniyeri, ushobora gukoresha umuti wa bénomyl.

7. Gusarura: Umuceri usarurwa nyuma y'iminsi 120-160, umusaruro uri hagati ya toni 3 na toni 9 z'umuceri udatonoye kuri Ha 1.

8. Guhunika: Bawuhunika mu mifuka cyangwa mu bigega iyo utonoye bashyiramo umuti wa Agitalike gr 100 muri kg 100 z'umuceri. Abafite ubushobozi bawuhunika igihe kirekire mu bigega bya Cocooms.